The Minister having occupational health and safety in his/her attributions may impose the following sanctions depending on the gravity of the fault committed and based on report prepared by the specialist in charge of occupational health and safety at National level:

CHAPITRE IV: DISPOSITIONS FINALES

Article 13: Sanctions administratives dans les entreprises privées

Le Ministre ayant la santé et sécurité au travail dans ses attributions peut imposer les sanctions suivantes en fonction de la gravité de la faute commise et se basant sur le rapport préparé par le spécialiste en matière de santé et sécurité au travail au niveau national:

1º Kwihanangirizwa

Igihano cyo kwihanangirizwa ntikirenza iminsi mirongo itatu (30) y'akazi kandi bikandikwa mu gitabo cy'ubuzima n'umutekano ku kazi cyangwa binyujijwe mu nyandiko yihanangiriza ikoherezwa mu ibaruwa ishinganye uyitanze agahabwa icyemezo cy'uko yakiriwe.

Inyandiko yihanangiriza igomba kuba iriho itariki n'umukono kandi ikagaragaza amakosa yakozwe n'igihe ntarengwa agomba kuba yakosorewe.

Icyo gihe ntarengwa kigenwa hashingiwe ku kuntu ibintu byifashe, ku kamaro no ku gihe imirimo yo gukosora ikosa yakorwamo.

2º Guhagarikwa by'agateganyo by'Ikigo

Guhagarikwa kw'Ikigo by'agateganyo mu gihe kiri hagati y'iminsi irindwi (7) n'amezi abiri (2) iyo kitubahirije ibivugwa mu gika cya mbere k'iyi ngingo;

Iyo ari uguhagarikwa kw'igihe gito, nta Kigo cyemerewe gusubukura imirimo kitabanje kubiherwa uburenganzira n'Ubuyobozi bwafashe icyemezo.

1º Warning notice

The duration of the warning shall not exceed thirty (30) working days, and shall be recorded in the occupational health and safety register, and if not possible, it shall be sent through a registered letter with acknowledgment of receipt.

The formal notice shall be dated and signed and shall state the fault committed and the deadline for rectification.

The duration of the warning notice shall be determined depending on the circumstances, the magnitude and the period for rectification of the situation.

2º Provisional suspension

Provisional suspension of activities of the enterprise for a period between seven (7) days and two (2) months in case of violation of Paragraph One of this Article;

In case of provisional suspension, no enterprise shall resume its activities without authorization of the Organ that took the decision.

1º Mise demeure

La mise en demeure est de trente (30) jours ouvrables au maximum. Elle doit être portée par écrit au registre de santé et sécurité au travail et, à défaut, par lettre recommandée avec accusé de réception.

Datée et signée, la mise en demeure précise la faute constatée et fixe le délai à l'expiration duquel la rectification doit y être portée.

La durée de la mise en demeure s'apprécie compte tenu des circonstances, de l'importance et de la durée des travaux nécessaires au redressement de la situation.

2º Suspension provisoire

La suspension de l'Entreprisse pour une durée allant de sept (7) jours à deux (2) mois en cas de violation des dispositions du paragraphe premier de cet Article ;

En cas de suspension provisoire, nul ne peut reprendre ses activités, sans l'autorisation de l'Autorité qui a pris la sanction.

3º Gufunga ikigo burundu

Gufunga burundu kw'Ikigo bikorwa iyo mu gihe cyo guhagarikwa by'agateganyo, kitashoboye kubahiriza ibisabwa.

3º Closing of the enterprise

Closing of the enterprise occurs in case of failure to address the issues during the provisional suspension.

3º Suspension définitive de l'établissement

La suspension définitive de l'Etablissement est décidée en cas de non-respect des exigences lui imposées pendant la période de suspension provisoire d'activité.

Ingingo ya 14: Ibihano byo mu rwego rw'akazi mu nzego za Leta

Minisitiri ufite ubuzima n'umutekano ku kazi mu nshingano ze, amaze gushyikirizwa raporo y'igenzura igaragaza ibigo bya Leta bitubahiriza ubuzima n'umutekano ku kazi, asaba ikigo cya Leta munyandiko kubahiriza ubuzima n'umutekano ku kazi.

Iyo Ikigo cya Leta cyasabwe kuzuza ibisabwa ku by'ubuzima n'umutekano ku Kazi kitabishyize mu bikorwa, Minisitiri ufite Ubuzima n'Umutekano ku Kazi mu nshingano ze, asaba mu nyandiko Minisitiri w'Intebe gufatira Umuyobozi w'Ikigo cya Leta ibihano byo mu rwego rw'akazi.

Article 14: Administrative sanctions in public institutions

The Minister having occupational health and safety at workplace in his/her attributions, after receiving inspection report on public institutions non-complying with occupational health and safety, shall request in writing the public institution to comply with occupational health and safety.

If the Public Institution fails to comply with Occupational Health and Safety Standards as requested, the Minister having Occupational Health and Safety in his/her attributions, shall request in writing the Prime Minister to impose administrative sanctions to the Head of Public Institution.

Article 14: Sanctions administratives dans les institutions publiques

Le Ministre ayant la santé et sécurité au travail dans ses attributions, après avoir reçu le rapport d'inspection sur les institutions publiques pour non-conformité avec la santé et sécurité au travail, demande par écrit à l'institution publique de se conformer aux normes y relatives.

Si l'institution publique ne parvient pas à se conformer aux normes de santé et sécurité au travail, le Ministre ayant la santé et la sécurité au travail dans ses attributions doit demander par écrit au Premier Ministre pour imposer des sanctions administratives au Chef de l'Institution.

Ingingo ya 15: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Iteka rya Minisitiri n° 01 ryo kuwa 17/05/2012 rigena ishyirwaho rya Komite z'Ubuzima n'Umutekano ku Kazi n'imikorere yazo n'ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.

Article 15: Repealing provision

Ministerial Order n° 01 of 17/05/2012 determining modalities of establishing and functioning of Occupational health and safety committees and all prior provisions contrary to this order are hereby repealed.

Article 15: Disposition abrogatoire

L'Arrêté Ministériel n° 01 du 17/05/2012 déterminant les modalités de mise en place et de fonctionnement des comités de santé et sécurité au travail et toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Ingingo ya 16: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 15/01/2015

(sé)
Judith UWIZEYE
Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Article 16: Commencement

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 15/01/2015

(sé)
Judith UWIZEYE
Minister of Public Service and Labour

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

Article 16: Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 15/01/2015

(sé)
Judith UWIZEYE
Ministre de la Fonction Publique et du Travail

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

UMUGEREKA W'ITEKA RYA MINISITIRI N°01/Mifotra/15 RYO KU WA RIGENA ISHYIRWAHO RYA KOMITE Z'UBUZIMA N'UMUTEKANO KU KAZI N'IMIKORERE YAZO

ANNEX TO MINISTERIAL ORDER N°01/Mifotra/15 OF 15/01/2015 DETERMINING MODALITIES OF ESTABLISHING AND FUNCTIONING OF OCCUPATIONAL HEALTH AND SAFETY COMMITTEES

ANNEXE A L'ARRETE MINISTERIEL N°01/Mifotra/15 DU 15/01/2015 DETERMINANT LES MODALITES DE MISE EN PLACE ET DE FONCTIONNEMENT DES COMITES DE SANTE ET SECURITE AU TRAVAIL

IBIKORESHO BIGOMBA KUBA BIRI MU GASANDUKU K'UBUTABAZI BW'IBANZE		
IBIKORESHO	**UKO BIGOMBA KUBA BIMEZE**	**UMUBARE**
IBIKORESHO BYO MU BIRO		
Urutonde rw'ibikoresho by'ubutabazi bw'ibanze		1
Urutonde rwa numero zo guhamagara zakwifashishwa mu gihe cy'ubutabazi bwihutirwa		1
Ikaramu		1
Ikayi cyangwa igitabo cyo kwandikamo	Foruma A5	1
IBIKORESHO BY'URUMURI		
Isitimu cyangwa itoroshi	Nto	1
Bateri	1.5 V	4
Imyambi y'ikibiriti		1 agakarito
Buji	mm 45x110	5

IBIKORESHO BY'ISUKU N'IBIKENERWA MU KWIRINDA GUKWIRAKWIZA UDUKOKO DUTERA INDWARA		
Igikoresho kirimo amazi	ml 250	1
Isabuni	g 200	1
Igitambaro cyo kwihanagura amazi (isume)	cm 60x30	2
Sterile and non sterile gloves	Ingano zitandukanye	10
Antiseptic solution	ml 200	1
Vaseline gauzes	cm 10 x10	10
Non sterile gauzes	cm 10x20	50
Sterile gauzes	cm 10x10	25
Adhesive bands (siparadara)		1
Ibipfuko bigenewe guhita bikoreshwa	Ingano zitandukanye	Agakarito 1
IBIKORESHO BYIFASHISHWA MU GUSYIRAHO BANDE NO KUBUZA URUGINGO KUNYEGANYEGA		
Gauze bandages	cm 8 x m 4	15
Elastic bandages	cm 10 x m 5	15
Triangular bandages		7
Arm sling		1
Safety blanket (uburingiti)	cm 35 x 45	2

IBIKORESHO BIKATA CYANGWA BITOBORA		
Imakasi cyangwa isizo	cm 14.5	1
Safety pin	Agakarito	1
IMITI		
Imiti yifashishwa mu kugabanya uburibwe no kurwanya umuriro mu mubiri (Paracetamol)	Ibinini	100
Ibyongera amazi mu mubiri (SRO)	27.9 g/1 L	3
Magnesium Trisilicate	Ibinini	100
Anti-inflammatory	Uwo gusiga cyangwa gutera nk'umwuka	1

MATERIAL	CHARACTERISTICS	QUANTITY
ADMINISTRATIVE MATERIAL		
List of the first aid material		1
List of the contact numbers in case of emergence		1
Pen		1
Notebooks	Format A5	1
LIGHT STUFF		
Torch	Small	1
Batteries	1.5 V	4
Match box		1
Candles	mm 45x110	5
HYGIENIC, DISINFECTION AND PROTECTION MATERIALS		
Water container	250 ml	1
Soap	200 g	1
Towel	60x30 cm	2
Sterile and non sterile gloves	Different sizes	10
Antiseptic solution	200 ml	1
Vaseline gauzes	10 cm x10 cm	10
Non sterile gauzes	10x20 cm	50

Sterile gauzes	10x10 cm	25
Adhesive bands		1
Dressing ready for use	Different size	1 box
MATERIAL FOR BANDAGE AND IMMOBILISATION		
Gauze bandages	8 cm x 4 m	15
Elastic bandages	10 cm x 5 m	15
Triangular bandages		7
Arm sling		1
Safety blanket	35 x 45 cm	2
INSTRUMENTS		
Scissors	14.5 cm	1 pair
Safety pin	Box	1
DRUGS		
Analgesic - antipyretics (Paracetamol)	Tablets	100
Oral rehydration solution	27.9 g/1 L	3
Magnesium Trisilicate	Tablets	100
Anti-inflammatory	ointment or spray	1

MATERIEL	CHARACTERISTIQUES	QUANTITE
Matériel administratif		
Liste de matériel de secours		1
Liste des numéros de contact en cas d'urgence		1
Stylo		1
Carnet	Format A5	1
MATERIEL D'ECLAIRAGE		
Lampe torche	petite	1
Piles	1.5 V	4
Boîte d'allumettes		1
Bougies	45x110 mm	5
MATERIEL D'HYGIENE, DE DESINFECTION ET DE PROTECTION CONTRE L'INFECTION		
Flacon d'eau	250 ml	1
Savon	200 g	1
Essuie-mains	60x30 cm	2
Gants stériles et non stériles	de différentes tailles	10
Solution antiseptique	200 ml	1
Tulle gras	10 cm x10 cm	10
Compresses non- stériles	10x20 cm	50

Compresses stériles	10x10 cm	25
Sparadrap		1
Pansements adhésifs prêts à l'emploi	Boîte	1
MATERIEL DE BANDAGE ET D'IMMOBILISATION		
Bandes de gaze	8 cm x 4 m	15
Bandes élastiques	10 cm x 5 m	15
Bandages triangulaires		7
Echarpe		1
Couverture en aluminium	35 x 45 cm	2
INSTRUMENTS		
Ciseaux	14.5 cm	1 paire
Epingles	Boîte	1
MEDICAMENTS		
Analgésique – antipyrétique (Paracétamol)	Comprimés	100
Solution de réhydratation orale (SRO)	Sachet 27.9 g/1 L	3
Trisilicate de magnésium	Comprimés	100
Anti-inflammatoire	Pommade ou spray	1

Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Iteka rya Minisitiri n°01/Mifotra/15 ryo ku wa 15/01/2015 rigena ishyirwaho rya komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi n'imikorere yazo

Kigali, ku wa 15/01/2015

(sé)
Judith UWIZEYE
Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika :

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Seen to be annexed to Ministerial Order n°01/Mifotra/15 of 15/01/2015 determining modalities of establishing and functioning of Occupational health and safety committees

Kigali, on 15/01/2015

(sé)
Judith UWIZEYE
Minister of Public Service and Labour

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

Vu pour être annexé à l'Arrêté Ministériel n°01/Mifotra/15 du 15/01/2015 déterminant les modalités de mise en place et de fonctionnement des comités de santé et sécurité au travail

Kigali, le 15/01/2015

(sé)
Judith UWIZEYE
Ministre de la Fonction Publique et du Travail

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

AMABWIRIZA YA MINISITIRI Nº001/Minagri/014 RYO KU WA 10/12/2014 YEREKERANYE N'AHO KWAGIKA IMIZINGA Y'INZUKI, IBIKORESHO BIKORESHWA MU GUHAKURA UBUKI, N'ITANGWA RY'ICYANGOMBWA CY'UBUVUMVU

MINISTERIAL INSTRUCTIONS Nº001/Minagri/014 OF 10/12/2014 RELATING TO POSITIONING OF BEEHIVES, HONEY HARVESTING EQUIPMENT AND ISSUANCE OF BEEKEEPING CERTIFICATE

INSTRUCTIONS MINISTERIELLES Nº001/Minagri/014 DU 10/12/2014 RELATIVES AU POSITIONNEMENT DES RUCHES, DU MATERIEL POUR LA RECOLTE DU MIEL ET DE LA DELIVRANCE DU CERTIFICAT D'APICULTURE

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLES DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza agamije

Article 2: Ibirebwa n'aya mabwiriza

UMUTWE WA II: AHO BAGIKA IMIZINGA Y'INZUKI

Icyiciro cya mbere: Kwagika imizinga y'Inzuki

Ingingo ya 3: Kwagika imizinga y'inzuki

Ingingo ya 4: Ibindi bisabwa byerekeranye n'aho umuzinga w'inzuki wagikwa

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of these instructions

Article 2: Scope of application

CHAPTER II: POSITIONING OF BEEHIVES

Section One: Positioning of beehive

Article 3: Positioning of a beehive

Article 4: Other requirements for beehive positioning

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Article premier: Objet des présentes instructions

Article 2: Champs d'application

CHAPITRE II: POSITIONNEMENT DES RUCHES

Section première: Positionnement des ruches

Article 3: Positionnement d'une ruche

Article 4: Autres exigences pour le positionnement de ruche

UMUTWE WA III: IBIKORESHO BIKORESHWA MU GIHE CYO GUHAKURA	**CHAPTER III: HONEY HARVESTING EQUIPMENT**	**CHAPITRE III: EQUIPEMENT DE RECOLTE DU MIEL**
Icyicaro cya mbere: Ibikoresho bikoreshwa mu guhakura ubuki	**Section One: Honey harvesting equipment**	**Section première: Equipement de récolte du miel**
Ingingo ya 5: Ibikoresho bikoreshwa mu guhakura ubuki	**Article 5: Honey harvesting equipment**	**Article 5: Equipement de récolte du miel**
Ingingo ya 6: Umwambaro w'ubuvumvu wabugenewe	**Article 6: Appropriate beekeeper suit**	**Article 6: Costume approprié de l'apiculteur**
UMUTWE WA IV: GUSABA NO GUTANGA ICYANGOMBWA CY'UBUVUMVU	**CHAPTER IV: APPLICATION AND ISSUANCE OF BEEKEEPING CERTIFICATE**	**CHAPITRE IV: DEMANDE ET DELIVRANCE DU CERTIFICAT D'APICULTURE**
Icyiciro cya mbere: Gusaba icyangombwa cy'ubuvumvu	**Section One: Application for a beekeeping**	**Section première : Demande du certificat d'apiculture**
Ingingo ya 7: Gusaba icyangombwa cy'ubuvumvu	**Article 7: Application for a beekeeping certificate**	**Article 7: Demande du certificat d'apiculture**
Ingingo ya 8: Ibisabwa mu idosiye isaba icyangombwa cy'ubuvumvu	**Article 8: Requirements for application of the beekeeping certificate**	**Article 8 : Exigences relatives à la demande du certificat de l'apiculture**
Ingingo ya 9: Itangwa ry'icyangombwa cy'ubuvumvu	**Article 9: Issuance of the beekeeping certificate**	**Article 9: Délivrance du certificat d'apiculture**
Ingingo ya 10: Ibikubiye mu cyangombwa cy'ubuvumvu	**Article 10: Contents of a beekeeping certificate**	**Article 10: Contenu du certificat d'apiculture**

Icyiciro cya 2: Igihe icyangombwa cy'ubuvumvu kimara no kucyamburwa	**Section 2: Duration of the beekeeping certifacte and its withdraw**	**Section 2 : Durée du certificat d'apiculture et son retrait**
Ingingo ya 11: Igihe icyangombwa cy'ubuvumvu kimara	**Article 11: Duration of the beekeeping certificate**	**Article 11: Durée du certificat d'apiculture**
Ingingo ya 12: Kwamburwa icyangombwa cy'ubuvumvu	**Article 12: Withdraw of a beekeeper's certificate**	**Article 12: Retrait du certificat d'apiculteur**
UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA	**CHAPTER V: FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE V: DISPOSITIONS FINALES**
Ingingo ya 13: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza	**Article 13: Repealing provision**	**Article 13: Diposition abrogatoire**
Ingingo ya 14: Igihe amabwiriza atangira gukurikizwa	**Article 14: Commencement**	**Article 14: Entree en vigueur**

AMABWIRIZA YA MINISITIRI Nº001/Minagri/014 RYO KU WA 10/12/2014 YEREKERANYE N'AHO KWAGIKA IMIZINGA Y'INZUKI, IBIKORESHO BIKORESHWA MU GUHAKURA UBUKI, N'ITANGWA RY'ICYANGOMBWA CY'UBUVUMVU

MINISTERIAL INSTRUCTIONS Nº001/Minagri/014 OF 10/12/2014 RELATING TO POSITIONING OF BEEHIVES, HONEY HARVESTING EQUIPMENT AND ISSUANCE OF BEEKEEPING CERTIFICATE

INSTRUCTIONS MINISTERIELLES Nº001/Minagri/014 DU 10/12/2014 RELATIVES AU POSITIONNEMENT DES RUCHES, DU MATERIEL POUR LA RECOLTE DU MIEL ET DE LA DELIVRANCE DU CERTIFICAT D'APICULTURE

Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi;

The Minister of Agriculture and Animal Resources;

Le Ministre de l'Agriculture et des Ressources

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2013 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2013 as amended to date, especially in Article 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 Juin 2013 telle que révisée à ce jour, spécialement en son article 201 ;

Ashingiye ku Itegeko nº 25/2013 ryo ku wa 10/05/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'ubuvumvu mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 6, iya 14 n'iya 16.

Pursuant to Law nº25/2013 of 10/05/2013 determining the organisation and functioning of beekeeping in Rwanda, especially in Article 6, 14 and 16;

Vu la Loi nº 25/2013 du 10/05/2013 déterminant l'organisation et le fonctionnement de l'apiculture au Rwanda, spécialement en son article 6, 14 et 16;

Ashingiye ku Iteka rya Minisitiri nº 001/Minagri/014 ryo ku wa 10/12/2014 ryerekeye isuku mu mwuga w'ubuvumvu n'imikoreshereze y'imiti mu buvumvu, cyane cyane mu ngingo yayo ya 4;

Pursuant to Ministerial Order 001/Minagri/014 of 10/12/2014 relating to hygiene in beekeeping and modalities for use of toxic substances, especially in Article 4;

Vu l'arrêté présidentiel 001/Minagri/014 ryo ku wa 10/12/2014 portant hygiène et modalités d'utilisation des substances toxiques dans la filière apicole au Rwanda, spécialement en son article 4 ;

ATANZE AMABWIRIZA AKURIKIRA:

HEREBY INSTRUCTS:

DONNE DES INSTRUCTIONS SUIVANTES:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza agamije

Aya mabwiriza agena aho umuvumvu agomba kwagika umuzinga w'inzuki, ibikoresho bikoreshwa mu gihe cyo guhakura ubuki n'itangwa ry'icyangombwa cyo gukora umwuga w'ubuvumvu mu Rwanda

Article 2: Ibirebwa n'aya mabwiriza

Aya mabwiriza areba abakora umwuga w'ubuvumvu mu Rwanda.

UMUTWE WA II: AHO BAGIKA IMIZINGA Y'INZUKI

Icyiciro cya mbere: Kwagika imizinga y'Inzuki

Ingingo ya 3: Kwagika imizinga y'inzuki

Umuvumvu agomba kwagika umuzinga w'inzuki hagati y'inkingi ebyiri (2) zibangikanye zifite metero eshatu (3) z'uburebure no muri metero mirongo itatu (30m) uvuye ku muhanda nyabagendwa.

Umuvumvu ashobora kandi kwagika umuzinga

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of these instructions

These instructions determine a place where a beekeeper must position a beehive, honey harvesting equipment and the procedure for issuance of the certificate of practising beekeeping in Rwanda.

Article 2: Scope of application

These instructions relate to beekeepers in Rwanda.

CHAPTER II: POSITIONING OF BEEHIVES

Section One: Positioning of beehive

Article 3: Positioning of a beehive

A beekeeper must position the beehive between two (2) strong posts parallel to each other with at least three metres (3m) high and thirty metres (30 m) from the main road.

A beekeeper may also position the beehive

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Article premier: Objet des présentes instructions

Ces instructions déterminent le lieu où un apiculteur doit positionner une ruche, le matériel de récolte du miel et la procédure de délivrance du certificat de pratiquer l'apiculture au Rwanda

Article 2: Champs d'application

Ces instructions concernent les apiculteurs au Rwanda.

CHAPITRE II: POSITIONNEMENT DES RUCHES

Section première: Positionnement des ruches

Article 3: Positionnement d'une ruche

Un apiculteur doit placer la ruche entre les deux (2) poteaux forts parallèles entre eux d'au moins trois mètres (3 m) de haut et de trente mètres (30 m) de la route principale.

Un apiculteur peut également placer la ruche

w'inzuki hagati y'ibiti bibiri (2) cyangwa hagati y'inkingi n'igiti.
Iyo umuvumvu yagitse imizinga myinshi y'inzuki hafi y'imirima, agomba gutera ibiti by'indabo ahakikije uruvumvu rwe kugira ngo inzuki zihove hafi n'uruvumvu.

between two (2) trees or between a post and a tree.
If the beekeeper positions several hives near a farm, the bee keeper must grow melliferous trees and plants around the apiary to enable the bees gather the nectar near the apiary.

entre deux (2) arbres ou entre un poteau et un arbre.
Si l'apiculteur positionne plusieurs ruches près d'une ferme, il doit planter des arbres mellifères et des plantes autour du rucher pour permettre aux abeilles de recueillir le nectar à proximité du rucher.

Iyo umuvumvu yagitse umuzinga w'inzuki hafi y'aho abantu batuye cyangwa imyanya y'amatungo, ahahagarikwa imodoka, aho abantu bateranira cyangwa ahabera imikino, agomba gushyira umuzinga nibura muri metero ijana (100 m) uvuye aho hantu.

If the beekeeper positions the beehive near human settlements or livestock dwelling areas, parking places, public areas or sports grounds, the beekeeper must position the beehive at least in hundred meters (100 m) away from such places.

Si l'apiculteur positionne la ruche près des établissements humains ou les zones d'élevage d'habitation, des lieux de stationnement, les espaces publics ou des terrains de sport, l'apiculteur doit placer la ruche au moins dans une centaine de mètre (100 m) de ces lieux.

<u>Ingingo ya 4</u>: Ibindi bisabwa byerekeranye n'aho umuzinga w'inzuki wagikwa

<u>Article 4</u>: Other requirements for beehive positioning

<u>Article 4</u>: Autres exigences pour le positionnement de ruche

Umuvumvu agomba kwagika umuzinga w'inzuki ahantu ufite umutekano kandi udashobora kwibwa.

A beekeeper must position the beehive in a secure place where the hive cannot be stolen.

L'apiculteur doit placer la ruche dans un endroit sûr où la ruche ne peut pas être volée.

Iyo bibaye ngombwa, imizinga y'inzuki igomba kwagikwa ahantu hari amazi n'igicucu bihagije.

If considered necessary, beehives shall be positioned in places where there is water and shade.

Si cela est jugé nécessaire, les ruches doivent être placées dans des endroits où il y a de l'eau et de l'ombre.

Icyakora, iyo ari mu gice gifite imisozi, imizinga yagikwa ahantu hatari igicucu gikabije kugira ngo inzuki zidahura n'ubukonje bukabije.

However, in highlands, a beehive shall be positioned in a place with minimal shade in order to avoid coldness to bees.

Cependant, dans les hautes terres, une ruche doit être placée dans un endroit avec une ombre minimale afin d'eviter la froideur pour les abeilles.

UMUTWE WA III: IBIKORESHO BIKORESHWA MU GIHE CYO GUHAKURA

Icyicaro cya mbere: Ibikoresho bikoreshwa mu guhakura ubuki

Ingingo ya 5: Ibikoresho bikoreshwa mu guhakura ubuki

Umuvumvu wese agomba gukoresha ibikoresho bikurikira mu gihe ahakura ubuki:

1º Umwambaro wabugenewe w'umuvumvu;

2º Igikoresho gitanga umwotsi;

3º Agasanduku kamufasha gufata inzuki;

4º Igikorehso gihakura;

5º Uburoso bwabugenewe;

6º Ibaba;

7º Icyuma gikata ;

8º Indobo.

CHAPTER III: HONEY HARVESTING EQUIPMENT

Section One: Honey harvesting equipment

Article 5: Honey harvesting equipment

Every beekeeper must use the following equipment while harvesting honey:

1º appropriate beesuit;

2º a smoker;

3º a catcher box;

4º a hive tool;

5º a bee brush;

6º a feather;

7º a knife;

8º a bucket.

CHAPITRE III: EQUIPEMENT DE RECOLTE DU MIEL

Section première: Equipement de récolte du miel

Article 5: Equipement de récolte du miel

Chaque apiculteur doit utiliser le matériel suivant lors de la récolte du miel:

1º un costume approprié d'apiculteur ;

2º un fumeur ;

3º un bac de ramassage ;

4º une boîte à outil de la ruche ;

5º une brosse à abeilles ;

6º une plume ;

7º un couteau ;

8º un seau.

Ingingo ya 6: Umwambaro w'ubuvumvu wabugenewe

Umwambaro wabugenewe w'umuvunvu n'abakozi bakora mu buvumvu ugizwe n'ibi bikurikira:

1º itaburiya cyangwa isarubeti yabugenewe ifite isuku;
2º Isarubeti irinda umuvumvu kutaribwa n'inzuki mu maso;
3º agapfukamutwe;
4º uturindantoki;
5º agapfukamunwa;
6º bote;
7º umwambaro w'abashyitsi.

Article 6: Appropriate beekeeper suit

The appropriate beekeeper suit and staff involved in beekeeping activity shall include the following:

1º appropriate hygienic blouse;
2º overall for covering the rest of the body ;
3º head covers;
4º gloves;
5º mask;
6º sanitary shoes;
7º dress for visitors.

Article 6: Costume approprié de l'apiculteur

Le costume approprié de l'apiculteur et du personnel impliqué dans l'activité de l'apiculture comprend les éléments suivants :

1º une blouse hygiénique appropriée;
2º un ensemble pour couvrir le reste du corps
3º un couvre-tête;
4º gants;
5º masque;
6º chaussures hygiéniques,
7º tenues pour les visiteurs.

UMUTWE WA IV: GUSABA NO GUTANGA ICYANGOMBWA CY'UBUVUMVU

CHAPTER IV: APPLICATION AND ISSUANCE OF BEEKEEPING CERTIFICATE

CHAPITRE IV: DEMANDE ET DELIVRANCE DU CERTIFICAT D'APICULTURE

Icyiciro cya mbere: Gusaba icyangombwa cy'ubuvumvu

Section One: Application for a beekeeping

Section première: Demande du certificat d'apiculture

Ingingo ya 7: Gusaba icyangombwa cy'ubuvumvu

Umuntu wese ushaka gukora umwuga w'ubuvumvu mu Rwanda agomba kubisabira

Article 7: Application for a beekeeping certificate

Any person who intends to practice beekeeping in Rwanda must apply for a beekeeping

Article 7: Demande du certificat d'apiculture

Toute personne qui a l'intention de pratiquer l'apiculture au Rwanda doit demander un

icyangombwa mu nyandiko mu Kigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Ubuhinzi n'Ubworozi mu Rwanda.

Ingingo ya 8: Ibisabwa mu idosiye isaba icyangombwa cy'ubuvumvu

Umuntu wese wifuza gusaba icyangombwa cy'ubuvumvu agomba kugaragaza mu busabe bwe amakuru arambuye yerekeranye n'ibisabwa mu ngingo ya 3 y'aya mabwiriza.

Ingingo ya 9: Itangwa ry'icyangombwa cy'ubuvumvu

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Ubuhinzi n'Ubworozi gitanga icyangombwa cy'ubuvumvu mu gihe cy'iminsi mirongo itandatu (60) uhereye aho ubusabe bwatangiwe.

Iyo Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Ubuhinzi n'Ubworozi kidatanze icyangombwa cy'ubuvumvu mu gihe giteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, uwasabye afatwa nk'uwahawe icyangombwa.

Ingingo ya 10: Ibikubiye mu cyangombwa cy'ubuvumvu

Icyangombwa cy'ubuvumvu kigomba kuba gikubiyemo:

1° Izina ry'umuvumvu n'aho abarizwa

certificate in writing to Rwanda Agricultural Board.

Article 8: Requirements for application of the beekeeping certificate

Any person who intends to apply for a beekeeping certificate must include in the application file detailed information relating to requirements of Article 3 of these instructions.

Article 9: Issuance of the beekeeping certificate

The Rwanda Agricultural Board shall, within a period of sixty (60) days from the day of submission of the application, issue the beekeeping certificate.

If Rwanda Agricultural Board does not issue the beekeeping certificate within the period mentioned in Paragraph One of this Article, the certificate shall be considered as issued.

Article 10: Contents of a beekeeping certificate

A beekeeping certificate shall indicate:

1° the name and full address of the

certificat d'apiculture à l'Office Rwandais de Développement Agricole.

Article 8: Exigences relatives à la demande du certificat de l'apiculture

Toute personne qui a l'intention de demander un certificat d'apiculture doit inclure dans le dossier de demande les informations détaillées relatives aux exigences de l'article 3 de ces instructions.

Article 9: Délivrance du certificat d'apiculture

L'Office Rwandais de Développement Agricole doit, dans un délai de soixante jours (60) à compter du jour de dépôt de la demande, délivrer le certificat d'apiculture.

Si l'Office Rwandais de Développement Agricole ne délivre pas le certificat d'apiculteur dans le délai prévu à l'alinéa premier du présent article, le certificat est considéré comme ayant été délivré.

Article 10: Contenu du certificat d'apiculture

Un certificat d'apiculture doit indiquer:

1° le nom et l'adresse complète de l'apiculteur

niba uwasabye ari umuntu ku giti cye;

2° Izina ry'umuvumvu n'aho abarizwa niba uwasabye ari ikigo cyangwa koperative;
3° izina n'umukono by'umuvumvu;
4° izina n'umukono by'uhagarariye ikigo cy'igihugu gishinzwe guteza imbere ubuhinzi n'ubworozi;
5° Umubare w'imvumvu naho ziherereye.

beekeeper if the applicant is an individual;

2° the name and full address of the beekeeper, if the applicant is an organization or a cooperative;
3° name and signature of the beekeeper;
4° name and signature of Rwanda Agricultural Board Representative;
5° the number of apiaries and their location.

si le demandeur est une personne physique;

2° le nom et l'adresse complète de l'apiculteur, si le demandeur est une organisation ou une coopérative;
3° le nom et la signature de l'apiculteur;
4° le nom et la signature du représentant de l'Office Rwandais de Développement Agricole;
5° le nombre de ruchers et de leur localisation.

Imiterere y'icyangombwa cy'ubuvumvu iri ku ifishi iri ku mugereka w'aya mabwiriza.

The model of the beekeeping certificate is on the form annexed to these instructions.

Le modèle du certificat d'apiculture est contenu sur le formulaire annexé à ces instructions

Icyiciro cya 2: Igihe icyangombwa cy'ubuvumvu kimara no kucyamburwa

Section 2: Duration of the beekeeping certifacte and its withdraw

Section 2: Durée du certificat d'apiculture et son retrait

Ingingo ya 11: Igihe icyangombwa cy'ubuvumvu kimara

Article 11: Duration of the beekeeping certificate

Article 11: Durée du certificat d'apiculture

Icyangombwa cy'ubuvumvu kimara imyaka ibiri (2) ishobora kongerwa. Icyakora, umuvumvu ntashobora gutiza icyangombwa undi muvumvu keretse urwego rushinzwe ubworozi mu Murenge rubitangiye uburenganzira.

The beekeeping certificate shall be valid for a period of two (2) years renewable. However, the beekeeper shall not transfer the certificate to any other person unless the Sector Veterinary Services authorises to do so.

Le certificat d'apiculture est valable pour une période de deux (2) ans renouvelable. Cependant, l'apiculteur ne peut transférer le certificat à toute autre personne à moins que le service vétérinaire du secteur autorise à le faire.

Ingingo ya 12: Kwamburwa icyangombwa cy'ubuvumvu

Article 12: Withdraw of a beekeeper's certificate

Article 12: Retrait du certificat d'apiculteur

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere

Rwanda Agricultural Board may withdraw the

L'Office Rwandais de Développement Agricole

ubuhinzi n'ubworozi gishobora kwambura umuvumvu icyangombwa cy'ubuvumvu iyo umuvumvu:

1° abyisabiye cyangwa yabyemeye;

2° aretse umurimo wo gukora umurimo w'ubuvumvu;

3° atubahiriza amategeko agenga umwuga w'ubuvumvu mu Rwanda.

UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 13: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza

Ingingo zose z'amabwiriza abanziriza aya kandi zinyuranyije na yo zivanyweho.

Ingingo ya 14: Igihe amabwiriza atangira gukurikizwa

Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku munsi atangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 10/12/2014

beekeeper's certificate from the owner if the beekeeper:

1° requests for it or approves the withdraw;

2° ceases to practice the profession of beekeeping;

3° fails to abide by the provisions relating to beekeeping profession in Rwanda.

CHAPTER V: FINAL PROVISIONS

Article 13: Repealing provision

All prior provisions contrary to these instructions are hereby repealed.

Article 14: Commencement

These Instructions shall come into force on the date of their publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 10/12/2014

peut retirer le certificat d'apiculteur a son propriétaire si l'apiculteur:

1° demande le retrait ou l'approuve ;

2° cesse d'exercer la profession de l'apiculture ;

3° ne respecte pas les dispositions relatives à la profession apicole au Rwanda.

CHAPITRE V: DISPOSITIONS FINALES

Article 13: Diposition abrogatoire

Toutes les dispositions antérieures contraires aux présentes instructions sont abrogées.

Article 14: Entree en vigueur

Ces instructions entrent en vigueur à la date de leur publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 10/12/2014

(sé)
MUKESHIMANA Geraldine
Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)
MUKESHIMANA Geraldine
Minister of Agriculture and Animal Resources

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

(sé)
MUKESHIMANA Geraldine
Ministre de l'Agriculture et des Ressources Animales

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

UMUGEREKA KU MABWIRIZA YA MINISITIRI Nº001/Minagri/014 RYO KU WA 10/12/2014 YEREKERANYE N'AHO KWAGIKA IMIZINGA Y'INZUKI, IBIKORESHO BIKORESHWA MU GUHAKURA UBUKI, N'ITANGWA RY'ICYAMGOMBWA CY'UBUVUMVU

ANNEX TO MINISTERIAL INSTRUCTIONS Nº001/Minagri/014 OF 10/12/2014 RELATING TO POSITIONING OF BEEHIVES, HONEY HARVESTING EQUIPMENT AND ISSUANCE OF BEEKEEPING CERTIFICATE

ANNEXE AUX INSTRUCTIONS MINISTERIELLES Nº001/Minagri/014 DU 10/12/2014 RELATIVES AU POSITIONNEMENT DES RUCHES, AU MATERIEL POUR LA RECOLTE DU MIEL ET A LA DELIVRANCE DU CERTIFICAT D'APICULTURE

ICYANGOMBWA CY'UBUVUMVU

REPUBLIKA Y'U RWANDA
MINISITERI Y'UBUHINZI N'UBWOROZI
IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE GUTEZA IMBERE
UBUHINZI N'UBWOROZI (RAB)

Ifoto y'umuvumvu

ZONE ……

ICYANGOMBWA CY'UBUVUMVU

AMAZINA Y'UHAWE ICYEMEZO

……

UFITE IRANGAMUNTU N^{O} ……YAFATIYE MU KARERE KA ……..

AHO ABARIZWA (ATUYE) TELEFONI ……..

UMUDUGUDU WA …..……. AKAGARI KA ……
UMURENGE WA …… AKARERE KA ……
INTARA YA ……..

UMUBARE W'IMVUMVU N'AHO ZIBARIZWA :

1…….(Izina ry'uruvumvu) ; Umubare w'imizinga : …….
UMUDUGUDU WA ……; AKAGARI KA ……; UMURENGE WA
……..…AKARERE ……

2…….(Izina ry'uruvumvu) ; Umubare w'imizinga : …….
UMUDUGUDU WA ……; AKAGARI KA …… ; UMURENGE WA
……..…AKARERE ….……

3…….(Izina ry'uruvumvu); Umubare w'imizinga : …….
UMUDUGUDU WA ……; AKAGARI KA …… ; UMURENGE WA
……..…AKARERE ……

AMAZINA N'UMUKONO BY'UHAWE ICYEMEZO

Bikorewe i ……., ku wa ……..

UHAGARARIYE IKIGO CY'IGUHUGU GISHINZWE GUTEZA IMBERE UBUHINZI N'UBWOROZI

ZONE YA……..

Icyitonderwa :
- Iki cyemezo gifite agaciro k'imyaka ibiri uhereye igihe cyashyiriweho kashe n'umukono bya RAB
- Unyuranyije n'ibikubiye mu Itegeko No. 25/2013 ryo ku wa 10/10/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'ubuvumvu mu Rwanda yamburwa iki cyemezo nta mpaka kandi agahanwa hakurikijwe and mategeko.

BEEKEEPING CERTIFICATE

REPUBLIC OF RWANDA
MINISTRY OF AGRICULTURE AND ANIMAL RESOURCES
RWANDA AGRICULTURAL BOARD (RAB)
ZONE ……

Photo of Beekeepers

BEEKEEPING CERTIFICATE

NAMES OF THE BEARER : ……

NATIONAL IDENTITY CARD N^{O} ……ISSUED AT ……..

RESIDENT OF …… TELEPHONE ……..

VILLAGE OF…….. CELL ……

SECTOR..……..…… DISTRICT ……..

NUMBER OF APIARIES AND POSITIONING:

1…….(NAME OF APIARY) ;
Number of bee hives…….
VILLAGE OF……; CELL …… ; SECTOR ……..……DISTRICT **……**

2……..….(NAME OF APIARY) ; Number of bee hives…….
VILLAGE OF……; CELL …… ; SECTOR ……..……DISTRICT ……

3……..….(Names of bee keeper) ; Number of bee hives:
…….
VILLAGE ……; CELL …… ; SECTOR ……..…… DISTRICT ……..

NAME AND SIGNATURE OF THE BEARER

Done at ……, on ……

RWANDA AGRICULTURAL BOARD REPRESENTATIVE
ZONE ……..

N.B :
- This certificate is valid for two years from the date of its signature and stamp by RAB.
- It may be withdrawn from any beekeeper who fails to abide by legal provisions governing beekeeping profession in Rwanda.

CERTIFICAT D'APICULTURE

REPUBLIQUE DU RWANDA
MINISTERE DE L'AGRICULTURE ET DES RESSOURCES ANIMALES
OFFICE RWANDAIS DE DEVELOPPEMENT AGRICOLE (RAB)
ZONE ……

Photo de l' Apiculteur

CERTIFICAT D'APICULTURE

NOMS DU PORTEUR :

……

CARTE D'IDENTITE N^{O} ……. DELIVREEE A ……..

RESIDENT A ……... TELEPHONE ……..

VILLAGE DE……. CELLULE DE ……

SECTEUR……..…… DISTRICT DE ……

NOMBRE DE RUCHERS ET EMPLACEMENT:

1…….(NOM DU RUCHER) ; Nombre de ruches…….
VILLAGE DE ……; CELLULE DE …… ; SECTEUR ……..……DISTRICT ……..…

2…….(NOM DU RUCHER) ; Nombres de ruches : …….
VILLAGE DE ……; CELLULE DE …… ; SECTEUR ……..……DISTRICT ……

3…….(NOM DU RUCHER) ; Nombres de ruches :
VILLAGE DE ……; CELLULE DE …… ; SECTEUR ……..……DISTRICT ……..…

NOM ET SIGNATURE DU PORTEUR

Fait à……., le ……..

REPRESENTANT DE L'OFFICE RWANDAIS DU DEVELOPPEMENT AGRICOLE (RAB)
ZONE ……

N.**B** **:**

- Ce certificat est valide pour une durée de deux ans à partir de la date de sa signature et cachet par RAB.

- Celui qui ne suit pas strictement la Loi régissant l'exploitation du secteur apicole au Rwanda se voit retiré ce certificat et est sujet aux sanctions prévues par la loi.

Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Amabwiriza ya Minisitiri nº001/Minagri/014 yo ku wa 10/12/2014 yerekeranye n'aho kwagika imizinga y'inzuki, ibikoresho bikoreshwa mu guhakura ubuki, n'itangwa ry'icyamgombwa cy'ubuvumvu

Kigali, ku wa 10/12/2014

(sé)
MUKESHIMANA Géraldine
Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi

Seen to be annexed to ministerial instructions nº 001/Minagri/014 of 10/12/2014 relating to positioning of beehives, honey harvesting equipment and issuance of beekeeping certificate

Kigali, on 10/12/2014

(sé)
MUKESHIMANA Géraldine
Minister of Agriculture and Animal Resources

Vu pour être annexé aux Instructions ministérielles nº 001/Minagri/014 du 10/12/2014 relatives au positionnement des ruches, au matériel pour la récolte du miel et à la délivrance du certificat d'apiculture

Kigali, le 10/12/2014

(sé)
MUKESHIMANA Géraldine
Ministre de l'Agriculture et des Ressources Animales

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

ITANGAZO	ANNOUNCEMENT	COMMUNIQUE
Ubuyobozi Bukuru bw'Abinjira n'abasohoka mu Gihugu buramenyesha abantu bose ko abantu bafite amazina akurikira baretse Ubwenegihugu nyarwanda ku bushake:	The Directorate General of Immigration and Emigration would like to inform the public that the person mentioned below have voluntarily renounced Rwandan nationality:	La Direction Générale de l'Immigration et Emigration annonce au public que les personnes ci-après ont volontairement renoncé à la nationalité Rwandaise :
1) **BATAMULIZA Pauline** mwene Nkikabahizi Pierre na Mukandoli Marie wavukiye Kigarama/ Kicukiro kuwa 01/07/1983.	1) **BATAMULIZA Pauline** daughter of Nkikabahizi Pierre and Mukandoli Marie born in Kigarama / Kicukiro on 1st /07/1983.	1) **BATAMULIZA Pauline** fille de Nkikabahizi Pierre et Mukandoli Marie née à Kigarama / Kicukiro le 1er /07/1983.
2) **DUFITUMUKIZA Japhet** mwene Ngendahimana Isaac na Kamugwera Géneviève wavukiye Gashonga / Rusizi kuwa 27/05/1980.	2) **DUFITUMUKIZA Japhet** son of Ngendahimana Isaacand Kamugwera Géneviève born in Gashonga /Rusizi on 27th /05/1980.	2) **DUFITUMUKIZA Japhet** fils de Ngendahimana Isaac et Kamugwera Géneviève né à Gashonga /Rusizi le 27 /05/1980.
3) **KABARIRA Christa** mwene Kabarira Joël na Kayitesi Marie Thérèse wavukiye i Bujumbura / Burundi kuwa 21/12/1984.	3) **KABARIRA Christa** daughter of Kabarira Joël and Kayitesi Marie Thérèse born in Bujumbura / Burundi on 21st /12/1984.	3) **KABARIRA Christa** fille de Kabarira Joël et Kayitesi Marie Thérèse née à Bujumbura / Burundi le 21/12/1984.
4) **KAREKEZI Yvonne** mwene Karekezi Paul na Mukarubuga Annonciathe wavukiye Cankuzo/ Burundi kuwa 14/01/1976.	4) **KAREKEZI Yvonne** daughter of Karekezi Paul and Mukarubuga Annonciathe born in Cankuzo/ Burundi on14th /01/1976.	4) **KAREKEZI Yvonne** fille de Karekezi Paul et Mukarubuga Annonciathe née à Cankuzo/ Burundi le 14 /01/1976.
5) **MUKABERA Esther** mwene Nkaka Elie na Nyiramahoro Deborah	5) **MUKABERA Esther** daughter of Nkaka Elie and Nyiramahoro	5) **MUKABERA Esther** fille de Nkaka Elie et Nyiramahoro Deborah

wavukiye Gatore / Kirehe kuwa 18/03/1971.	Deborah born in Gatore/Kirehe on 18th /03/1971.	née à Gatore /Kirehe le 18 /03/1971.
6) **MUKARWEGO Danioko Chantal** mwene Mutimula Pascal na Mutimula Pulcheria wavukiye Musanze kuwa 08/05/1984.	6) **MUKARWEGO Danioko Chantal** daughter of Mutimula Pascal and Mutimula Pulcheria born in Musanze on 8th /05/1984.	6) **MUKARWEGO Danioko Chantal** fille de Mutimula Pascal et Mutimula Pulcheria née à Musanze le 8/05/1984.
7) **MUKASHEMA Marie Claire** mwene Karemera Emmanuel na Muhawenimana Marie Immaculée wavukiye Gikondo / Kicukiro kuwa 17/11/1983.	7) **MUKASHEMA Marie Claire** daughter of Karemera Emmanuel and Muhawenimana Marie Immaculée born in Gikondo / Kicukiro / on 17th /11/1983.	7) **MUKASHEMA Marie Claire** fille de Karemera Emmanuel et Muhawenimana Marie Immaculée née à Gikondo / Kicukiro le 17 /11/1983.
8) **MUNYANEZA Sarah** mwene Munyaneza Ashrafu na Farida Rumaligabo Kanziga wavukiye Wisbaden / Germany kuwa 21/07/1995.	8) **MUNYANEZA Sarah** daughter of Munyaneza Ashrafu and Farida Rumaligabo Kanziga born in Wisbaden / Germany kuwa 21/07/1995.	8) **MUNYANEZA Sarah** fille de Munyaneza Ashrafu et Farida Rumaligabo Kanziga née à Wisbaden / Germany le 21/07/1995.